# Al Mufaraduna babatanze

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Igihe kimwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari irimo igenda mu nzira i Maka, inyura ku musozi bita Djumdani, maze iravuga iti: Nimukomeze mugende uyu musozi ni Djumdanu, Al Mufaraduna babatanze" Nuko barayibaza bati:Al Mufaraduna ni bantu ki, yewe Ntumwa y'Imana? Intumwa irabasubiza iti: Ni abasingiza Allah kenshi b'abagabo n'ab'abagore."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje urwego abasingiza Allah kenshi bariho, kandi ko ari abantu b'umwihariko banatanze abandi kugera mu nzego z'ikirenga mu ijuru ryuje inema, kugeza ubwo yanabagereranyije n'umusozi wa Djumdani ufite umwihariko aho utameze nk'iyindi.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee